NIYONGANA J.BERCHMANS
COMMUNE NDORA
PREFECTURE BUTARE.

Ndora le 13/10/1970.-

IMPAMVU
IGITARAMO CY'ABANYAGE .

Excellence Monsieur le Président.

Nk'umunyarwanda waba yarageze i Nyabisindu kuwa 2/10/70 ngo yunve amarira aturuka mu mfuruka zose z'Urwanda kubacamanza bahagaritswe kukazi kabo ngo abure kubibwira umutegetsi mukuru w'Igihugu nkawe;

Uretse ko ndi umwe mubahagaritswe bitewe ninzangano gusa Uretse ko ibyo naregwaga ntaho bihuriye nukuri ,nuko kandi bibabaje kutagira aho umuntu abasha kujuririra ibivuye munama nkuru y'Ubucamanza,kumva no kubona amarira ya rubanda ruturutse impamnde sose z'Igihugu bose baganya bimwe akarenganyo katagira gitarura bibabaje benshi ndetse na Chef w'Igihugu abasha kubabara ;

Amategeko ntagishobora gukurikizwa nicyo bose baganyaga bati dore Itegeko ryo kuwa 25/ukwezi kwa Mars 1963 rishinga amategeko y'Abacamanza ingingo yaryo ya 44 isobanura ko iyo umucamanza ahagaritswe kumulimo we yakoraga muminsi 15 dossier ye yerekwa Inama nkuru y'Ubucamanza ibye bigasuzumwa muminsi 8 bati mugihe ibyo byose bitabaye umukozi agomba gusubira uko yari ameze ,nukuvuga guhembwa, umwe ati maze imyka 2 mpagaritswe undi ati maze amezi 12,undi ati njye namezi 6 kandi bose bahagarikiwe imishahara gutsindira mumaso ya Seminega waduhagaritse ntibishoboka none se bahu tugire dute ?

Bati twatemye Ishyamba Seminega adahari none araturimbuye:
N.B. Kubwanjye maze kwunva imvugo yabo bantu baturuka hirya no hino niyemeje kubikumenyesha nkuko bisanzwe kuri byinshi

Nanjye kugiti cyanjye naraburanishijwe,muri dossier yanjye nta demende d'exprication irimo nta brame ,ntagukatwa umushahara ,nta rapport ya Chef diréct ,nta ya Département des Cour et Tribunaux ,ahubwo huzuyemo ibipapuro byibihimbano byandikishijwe na Temehagari ngizengo ndasaba ko inama yashyiraho Comution ijya gupererereza ibyo binyoma Seminega aranga nsaba ko naburanishwa Minitre ahari baranga nunvisha Président wa Cour Suprême ko akosa kuko ingingo ya 108 yitegeko rigenga abacamanza rimubuza kumburanisha arabyanga kuko iyo ngingo isobanura ko iyo umucamanza yajuririye ibyemejwe na Président w'Inama nkuru icyo gihe atabasha kujya mubyurubanza rwe byose biba bure.

Sincaka kubabwira byinshi muri akagapapuro nziyizira kandi mbaye ngusabye umwanya

Umuvandimwe wanyu

NIYONGANA J.B.

Ngiyo na Copie
Jibarurwa nandikiye
Mistre

turashize pe.